# Yesu Ni Nde?

Topeka, Kansas, USA

20 Kamena 1964

1 1… Nkanjye, ubwo twagiraga ifunguro ridasanzwe rya mu gitondo ; ubusanzwe, ni umugati urimo amata akonje cyane, utwikirijwe n'urubura. Mperutse i Phoenix, maze bampa crepe zitarimo… Mu majyepfo, tuzita flapjacks, batazimennyeho igikoma, nagombye kuzishyiramo isukari. Muby'ukuri zari… Rero, twagize ibihe byiza. Bitari iby'umubiri gusa, ahubwo twanabigize no mu mwuka.

2 Ndishimye cyane kumva ubuhamya bwa mwene Data ukiri muto. Umunsi umwe, mu gitondo, barampamagaye yarembye, bambwira ko hari ikintu cyabaye. Ntekereza ko ari umwe mubagerageje gushyigikira ibi biterane. Ni Satani yashatse kugirira nabi uyu muntu w'Imana. Ariko, murabona ukuntu Imana ikora, Ihindura ibintu mo ubuhamya bwiza kugira ngo Yerekane Imbaraga Zayo. Ku bayikunda, ibintu byose ibihundura byiza. Nishimiye kumva ubwo buhamya mwene Data.

3 Kandi nishimiye kuba ndi muri uyu mujyi, hagati yanyu. Gusa, nsinshobora kubagaragariza ukuntu binejejeje. Ntabwo twagize abantu benshi cyane nkuko bijya bidushyikira rimwe na rimwe ; ariko wagira ngo hari icyo Imana igiye gukora, cyangwa kirigutegurwa ahantu runaka, gitegurira abantu kugaruka mu murongo, aho bakagombye kuba bari, kandi noguhura n'aba bapasitori n'abandi.

Ni amahirwe kuri njye, kuza hano muri iki gitondo kuvugana n'Abacuruzi bo mu Ivanjri Yuzuye. Bambwiye ko aha hantu ariyo hagitangira. Ni hatoya, kandi nkuko mwene Data yabivuze, bakeneye abantu.

Nubwo mpagarariye amashyirahamwe hirya no hino ku isi, ashyirahamwe y'ivugabutumwa ry'uzuye, n'amatsinda y'Ababatiste n'abandi, rero, ndi umunyamuryango w'ishyirahamwe rimwe, ni iry'Abacuruzi b'Ababakristo, kuko nta shyirahamwe ryihariye bahagarariye.

Namwe Bantu bo muri uyu mujyi, muri hano, ndatekereza ko ari… Niba mwizera ko ndiho mbabwira ikintu cy'ukuri, iki ni cyo gihe aba Bacuruzi bo mu Butumwa Bwuzuye, bakwiye kwishyira hamwe kubw'ubusabane. Muzahanahana ibintu, mu gihe nkiki, kw'Isabato, muganira…

4 Perezida wabo, mwene Data Shakarian, hashize imyaka myinshi tumenyanye. Benshi muri mwe barabizi, ko nabonye telegaramu yanditseho Shakarian, wari arembejwe na kanseri. Ni bwo Imana yanyoherezaga yo, ari nabwo twamenyanaga n'umuryango wa Shakarian, ubwo yakiraga kanseri. Dogiteri Theodore Palouveas, wari umuganga wabo, ahita abatizwa, umuganga w'Umugereki.

Yaravuze ati : « Uyu mugore uryamye hariya, ararembye… »

Nkinjira, yaravuze ati mwitonde, ntarusaku kuko uyu mugore ararembye cyane, arihafi yo gupfa. Ari hariya hejuru, amabere yombi barayaciye, none yarabyimbye ahantu hose. » Ati : « Ntashobora gukira. Ntacyo twamumarira.» Ntega amatwi amabwiriza ye akanya gato. Ati : « Rwose ntimusakuze, cyangwa ngo muzamure ijwi musenga. Muvuge ishengesho rito kandi bucece, hanyuma mumanuke.» Ndamubwira nti : « Nibyo, mugabo. »

5 Narinzi ko ntaribukurikize amabwiriza ye. Ndabyibutse noneho. Narazamutse. Kandi Florence, icyo gihe, yari umukobwa mwiza cyane, Rose n'abandi barimo basenga ; nyina wa bo aryamye aho, atumva ; yaramaze iminsi atumva, yarabyimbye.

Narapfukamye ndasenga, maze Malayika aramanuka ajya ku gitanda, aravuga ati : « Mu minsi itatu, azahaguruka. »

Mpita nsohoka n'abandi barankurikira. Ndavuga nti : « Mu Izina ry'Umwami, azahaguruka. » Nuko bahita basakuza.

Nibwo dogiteri Palvitis yazaga, ashaka kunyirukana mu nzu. Aravuga ati : « Urambeshya aba bantu ubizeza ibitangaza kandi umuntu wabo arimo apfa. »

6 Ndavuga nti : « Dukurikije ibipimo byawe, koko arimo arapfa. Ariko kubw'Ijambo ry'Imana, ntabwo ari byo. Azabaho. » Murabona ?

Ati : « Ntibyumvikana, ugomba kugenda, sohoka hano. »

Nuko mwene Data Shakarian aramubwira ati : «Twaguhamagaye nk'umuganga wacu, kandi turakwemera. Ariko twahamagaye mwene Data Branham na we. Wowe, ntacyo utwizeza, ariko we aratwizeza gukira. » Murabona ?

Ndavuga nti : « Dore icyo ngiye gukora. Niba adahagurutse ngo ajye hanze mu minsi itatu, nzashyira icyapa mu mugongo wanjye, cyanditseho Umuhanuzi w'ikinyoma, maze tujye Los Angeles, wurire mu modoka yawe uvuza ihoni, untunga agatoki. Murabona ? Kandi naramuka abyutse, tuzashyire icyapa mu mugongo cyanditsweho Muganga wa magendo, hanyuma nanjye nurire mu modoka yawe mvuza ihoni ngutunga agatoki. Murabona ? Ntiyabyemeye. Nyuma yaje kubatirizwa mu mungoti wuzuye amazi yo

gusukira imyaka none ubu akorera Imana. Nyuma yaje kwitaba Imana.

7 Nibwo namenyanaga n'umuryango wa Shakarian. Naje kuba mu bantu babafashije gutegura ibiterane byabo bya mbere. Kandi mu gihugu cyose, no mu isi yose, nagiye mbafasha gutegura ibiterane byabo. Ni itsinda rya bantu beza.

Ntekereza ko haricyo muhomba, iyo mudasabana hano, kuko ni ubusabane. « Twakagombye guterana, niko Bibiliya ivuga, mu gihe tubona ko imperuka yegereje, ntitugatererane amatorero yacu. Ibyo bizababakomeza. Kandi imbaraga zanyu, zizakomeza itorero. Abantu bo mu Buvugabutumwa Bwuzuye, si idini, aho bakwishyira iruhande ngo bavuge : « Ni itsinda ryacu. » Oya, bahuza abizera bose. Kandi si ubumwe bw'itorero, murabona, itorero ubwaryo, abizera bo mu mwuka. Kandi ntekereza ko ari ikintu gikomeye, nimukora ibyo. Usibye ko ari bike, yenda ko byari…

8 Nizere ko ibi atari ukubura icyubahiro, ariko umuntu aherutse kumbwira ati : « Uziko uri umubwirizabutumwa ukomeye. »

Ndavuga nti : « Jye ntekereza ko ngerageza. » Ntinya kugira icyo mvuga ku bavugabutumwa mu gihe ndikumwe n'abantu bakomeye bo mu Bacuruzi bo mu Buvugabutumwa bakomeye.

Murabizi ko data yari umuntu ugendera ku mafarashi. Yatozaga amafarashi. Nkiri umwana muto, nibwiraga ko nanjye nzagendera ku mafarashi. Muzi ukuntu abana bato bakunda kuzamera nka base ; nanjye nashakaga kuzaba umuntu ugendera ku mafarashi. Bityo, nategerezaga ko papa ajya kure mu mirima, aho atambona, maze ngafata ifarashi yanjye ishaje, nkayijyana kunywa amazi, murabizi, bikase mu mu muzunguruko.

9 Ni bande bamaze kubona ibyo… Turi mukahe gace ko muri Kentucky ? Ni bande bamaze kuryama ku isaso y'ibyatsi ? Yewe, nshatse nakuramo ikoti ryanjye na karuvati ; muby'ukuri ndi iwacu. Ndi imuhira. Rero, narimenyereye kujyayo. Kandi papa yari afite intebe ye, murabona ? Nuko nabona papa yagiye mu murima aho atambona, ngafata ifarashi ihinga, ngashyiraho barumuna banjye, nkabigiza ku rugo, maze nkayicara hejuru. Yoo, mbega ! yabaga inaniwe ku buryo itabashaga gushingura ikinono, maze ikaniha ikanga kuva aho iri. Hanyuma, ngakuramo ingofero, nabaga ndi umukoboyi nyawe. Nabibonaga mu binyamakuru by'abakoboyi. Murabona ? Bityo, nemezaga barumuna banjye ko ndi umukoboyi nyawe. Niko nibwiraga.

Ngize imyaka 18 navuye iwacu, njya muri Arizona. Bari bankeneye kugira ngo ntoze amafarashi yabo. Nagombaga kuva mu rugo. Nari nkiri umwana, ariko ndatoroka, kubw'Imana ngera Arizona, mu gihe cy'iminsi mikuru y'irushanwa ku mafarashi. Njya inyuma kwitegereza amafarashi ngo ndebe iyo nza kugenderaho. Iziri bunanire abandi, jye ndazijyenderaho, nari mfite intebe nziza

10 Nari agasore kagufi, kandi kananutse, nibwiraga ko ndibwambare amasogisi y'uruhu. Narinzi ko papa yayambaraga. Nabonye amasogisi meza, yanditseho ijambo A-r-i-z-o-n-a, hashushanijeho imitwe y'ibimasa n'ibindi. Ndatekereza nti : « Yoo, mbega ! Araza kumbera» muzi ukuntu abana bameze. Narazinze nka 45,7cm za rengagaho. Nasaga nk'akana k'inkoko gafite amababa ku maguru. Ndavuga nti : « Ntakigenda. » Nuko njya gushaka ayitwa Levis.

Ndavuga nti : « Ngiye gukorera amafaranga. » Nuko nitegereza ayo mafarashi araho yose, zari inyamanswa mbi ku buryo ntizashakaga no kurya ibyatsi byari aho mu mivure ziriramo. Ndavuga nti : « Mbega inyamanswa ! »

11 Ubwambere bazisohoye, hari… Biratangaje kubona mvuga ibi muri iki gitondo, sinari nabitekerejeho kugeza uyu mwanya. Ifarashi yatangiye yitwaga «Iyananiranye y'i Kansas », yari iturutse Kansas ; yari ifite iburebure bwa 1,73m. Rero, uwagombaga kuyurira, yari icyamamare.

Nicara hejuru y'uruzitiro hamwe n'abandi bakoboyi, murabona, nicara hamwe n'abo. Bari bafite ingofero basunikiye inyuma ku bitugu. Ndavuga nti : Ndasa nk'umukoboyi nyawe. »

Nuko uwo mu koboyi arasohoka, atatse hose. Asohotse mu kiraro, ari hejuru y'iyo farashi, isimbuka rimwe, kabiri, ubwa gatatu imujugunya hasi, iramunyukanyuka. Abakozi bafata ifarashi yabo, ambiranse na yo itwara inkomere kwa muganga, amaraso avirirana mu matwi.

Umuhuzabikorwa aravuga ati : Ndaha amadolari 100 umuntu wese ushobora kumara amasegonda 10, hejuru y'iy'ifarashi. Anyura imbere yacu, arandeba ati : «Nawe uri umukoboyi ? »

12 Ndavuga nti : « Oya, mugenzi. » Kandi koko, sinari umukoboyi. »

Ubwo nasengerwaga ngo mbe umukozi w'Imana mu b'Ababatisite bab'Abamisiyoneri, natwaraga Bibiliya ku gituza, murabona, gutya, kandi nari mfite uburenganzira bwo kubwiriza. Nahamirizaga ukwizera ; ntakindi. Nibwiraga ko ndi umuvugabutumwa.

Umunsi umwe nari i Saint Louis, ubwo uriya mwana w'umukobwa yakiraga, kandi nibwiraga ko ndi

umukozi w'Iamana. Naje guhura n'abapantekote. Na cya kirangirire Robert Daugherty, bamwe muri mwe baramuzi. Numvise yigisha. Ndeba ibyo akora ku gicaniro ; icyuya cyamurenze, washoboraga kumwumva uri hanze y'urusengero.

Jyewe, nuburyo bw'Ababatiste bwitonze. Kuva icyo gihe, iyo bambajije bati : « Uri umubwirizabutumwa ? » Ndavuga nti : « Oya sindiwe. » Ngomba kubyitondera.

13 I Philadelphie, Umugabo umwe yarambwiye… Niho Amateraniro mpuzamahanga ataha azabera. Nzabwiriza kuwa 29, nzafungura igiterane, hamwe na dogiteri Brown n'abandi bene Data baho. Ni Philadelphie, tuzatangira kuwa 29 zuku kwezi. Rero, ni umugisha kuri njye gufungura ibiterane, bityo nkabaganiriza mu gihe cy'ifunguro rya mu gitondo. Hari uwavuze ati : Ni iki gituma wihambira kuri bariya Bacuruzi ? Wowe uri umubwirizabutumwa. » Ndavuga nti : « Ndi umucuruzi. » Aravuga ati : «Ni bucuruzi ki ukora? »

Ndavuga nti : « Ubwishingizi. » Nabivuze nihuta kuburyo atumvise icyo mvuze.

Aravuga ati : « Nishimiye kumva ko ukora iby'ubwishingizi. Ukorera he ? Ni ubuhe bwoko bw'Ubwishingizi ? » Ndavuga nti : « Ubugingo buhoraho. » Ati : « Nari ntarumva babuvuga, ikicaro cyabwo bubahe ? » Ndavuga nti : « Mu Bwiza. »

Bityo, buri wese muri mwe biramureba, ndashaka kubabwira amabwiriza ya nyuma y'ubwishingizi.

14 Kandi, ndibutse, hashize igihe, ku bijyanye n'ubwishingizi… Nizere ko nta Mwishingizi uri hano. Umuvandimwe wanjye acuruza ubwishingizi ; akora muri Prudential. Nigeze kugira ikibazo n'ibijyanye n'ubwishingizi. Ntibajya bagusomera amategeko ajyanye n'ubwishingizi nkuko bikwiye, kandi papa yakoreye Ubwishingizi bw'impano, irihwa mu myaka 20, ni ko twibwiraga. Igihe kigeze cyo kuyafata, yari afite agaciro ka madolari 7,50, mu gihe twe twibwiraga ko yari kuba afite agaciro k'amagana menshi y'amadolari. Simbizi. Ubwishingizi ni ikintu cyiza ; ntabwo mbupfobya. Nta kibazo.

15 Nari mfite inshuti igurisha iby'ubwishingizi, umugabo twiganye ; mukuru we yandika mu kinyamakuru kitwa « Icyumba cyo Hejuru », ni umubwirizabutumwa mwiza mw'itorero ry'Ababatisita. Umunsi umwe, Wilmer yaje kumbwira ati : « Billy naje kukubwira ibijyanye n'ubwishingizi. »

Ndamubwira nti : « Wilmer, turi inshuti kuva cyera, niba ushaka kuvuga kubijyanye nuko ibihe bimeze, cyangwa ibindi, ntakibazo, cyangwa ibijyanye no kuroba, n'ibindi nkabyo, rwose twabivugana. Ariko… Nuko aravuga ati: «Ukeneye rwose ubwishingizi.» Ndamusubiza nti : « Mfite ubwishingizi. »

Aravuga ati : « Jessi, mukuru wanjye, yaba yarakugurishije ubwishingizi ? »

Ndamubwira nti : « Oya. » Nuko umugore wanjye arandeba nkaho ndi indyarya, kuko yari azi ko nta bwishingizi mfite. Ndavuga nti : Yego, mfite ubwishingizi. »

Ati : « Ni ubuhe bwoko bw'ubwishingizi ufite ? » Nti : « Ubwishingizi buhawe umugisha, Jesu ni uwanjye ! Yoo ! Mbega umusogongero y'ubwiza bwa kimana ! Ndi umuragwa w'agakiza, nahawe n'Imana, navutse mu Mwuka We, nogejwe mu maraso Ye. »

Aravuga ati : « Billy ni byiza, ariko ibyo ntibizakujyana hariya kw'irimbi. »

Ndamusubiza nti : « Ariko, iyo inzasohoramo. Sinitaye uko nzajyayo, ahubwo nitaye uko nzasohokamo. »

Bacuruzi mwe, nanjye ndi mu bucuruzi. Mushatse ko tubuvugaho, nishimiye kubikorana na mwe.

16 Ariko, ni byiza cyane kugirana ubusabane bwa kivandimwe. Ndatekereza ko mu Byanditse havuga ngo : « Yoo, mbega ukuntu ari byiza kuri bene Data kuba hamwe ! Ni nk'amavuta asizwe mu bwanwa bwa Aaron, bukamanuka ku nshunda z'imyenda ye. » Hari ikintu kihariye mu busabane.

Imana yari yonyine mw'itangiriro, Yari Imana imwe. Nta nubwo Yari Imana mw'itangiriro. Mwari mubizi ? Ntiyashoboraga kuba ari Imana. Ijambo Imana risobanuye « Uwo baramya », cyangwa « Icyo baramya » Murabona ? Nkuko Yari Elohim, Uwibeshjeho, ntakuntu Yari kuba Imana. Ariko muri We, harimo ubushobozi, ni nko mu bitekerezo byanyu. Murabona ? Mu bitekerezo byanyu havuka ikintu hanyuma… Ntekereza ikintu kimwe, hanyuma nkakivuga. Ijambo ni igitekerezo kivuzwe. Ni uko mu Itangiriro hariho Ijambo, kandi Ijambo ryarikumwe n'Imana, kandi Ijambo ni Imana. Murabona ? Ryaragaragajwe.

17 Ni cyo kimwe. Ni cyo kimwe kuri twe twavutse bundi bushya, dufite ubugingo buhoraho. Niba dufite ubugingo buhoraho, habaho ubugingo buhoraho bumwe gusa, ni Imana. Kandi turi ingingo Ze. Nshobora kubivuga gutyo mu bakristo. Turi ingingo Ze. Kandi Yesu yaje nk'Umucunguzi. Bangahe babyizera ? Amen. Gucungura si ukurema ikintu gishya, ni ukugarura icyari gisanzwe kiriho. Murabona ? Mwatinya iki ko byose biri mu biganza Bye. Byose biragenda neza. Bigomba kuba bityo, kandi ibyo bikatujyana aho.

18 Nizeye kandi niringiye by'ukuri ko buri wese uri hano, muri iki gitondo, kandi utari umwe muri ubu

busabane bwiza, muraza kubivugana hano n'umugabo umwe mwiza ; namushuhuje gusa, ni perezida wahano duteraniye. Kandi mukomere ! David yavuze ko yikomeza kubera umwanzi. Na mwe, mugomba kwikomeza kubera umwanzi. Turi hano nka bene Data bo Mubutumwa Bwuzuye. Murabona ? Turabyizera. Tujye gushaka abandi bene Data tubazane ; yaba uwo mu Butumwa Bwuzuye, cyangwa undi, mubazane mu materaniro. Dusenge kandi dukore uruhare rwacu kubwo gukomeza Umubiri wa Kristo, bityo natwe tukikomeza. Imana ibane na mwe kandi ibafashe. Aho mwankenera hose, mujye mubimenyesha. Noneho mbere yo kwegera Ijambo, dushoboye…

19 Nsishaka kubatinza hano, ndashaka gusa… nkuko nabivuze mumwanya : « Nditonda, murabizi, hari igihe binsaba gutekereza nitonze. Icyambere, ntabwo ndi umuhanga, ni yo mpamvu ngomba gufata umwanya wanjye, kuko ntakindi nzi cyitari icyo Ambwiye ngo mvuge, kenshi ibyo bintera ibibazo, rimwe na rimwe bikanjyana kure yabyo ; mvuga ibyo Avuze. Mbere yo kwegera Ijambo, reka twegere nyiraryo.

20 Hashize iminsi, natemberanye n'umudogiteri w'ikirangirire muri tewolojiya; benshi muri mwe muramuzi, yitwa William Booth-Clibborn, abwiriza mu ndimi zirindwi. Twaganiraga ku Imana n'ubushobozi Bwayo. Ndavuga nti : « Imana ni nka diyama, rero, izo mpano uvuga ni ibishashi by'urukundo rw'Imana. Urugero, muri Afurika…»

Perezida w'ibirombe bya Kimberly yari umwe mu bawisiye mu murongo. Yanjyanye mu birombe bya diyama bya Kimberly. Rero, ushobora kuzibona mu mu handa, nta cyo wayimaza itatunganijwe. Igomba gutunganywa n'uruganda. Rero, diyama nini, iyo uyibonye, ntiba ibengerana. Oya, igomba gutunganywa.

21 Kandi Yari Imana, kandi Yagombaga gukomeretswa kubw'ibyaha byacu. Ni Diyama nini. Iyo utunganya diyama, uyitunganya uyiha impande eshatu, izuba ryayirasaho, ikagaragaza amabara 7. Murabona ? Iyo urebeye umutuku mu mutuku, bisa n'umweru. Mwari mubizi ? Ni ukuri. Umutuku uwurebeye mu mutuku, bivuze amaraso. Iyo Imana irebeye umunyabyaha utukura mu maraso atukura, ibyo bimugira umweru. Ari mu mutima. Murabona ?

22 Kubijyanye nibyo, naravuze nti : « Imana yarababajwe, irakomereka, iravunagurwa kugira ngo habe urumuri, iyo rumuritse ku Ijambo, rigaragaza Imana. »

Uwo mugabo Clibborn aravuga ati : « Ntuzi Bibiliya yawe. »

Ndavuga nti : « Birashoboka ko ari ukuri. Ariko, nzi neza nyirayo. Birahagije kuba nzi nyirayo. » Kumumenya We, mwamenya ijambo ryose cyangwa utarimenya ; umukiranutsi aramumenya, We !

23 Ndakeka ari Hudson Taylor wavuganye, rimwe, n'umuvugabutumwa. Uwo muvugabutumwa aravuga ati : « Bwana Taylor, maze kubona Umwuka Wera, ese ngomba kujya gushaka lisansi y'indimi ? » Aramusubiza ati : « Ntugashake kumurika, mu gihe buji igeze hagati. Murika mu gihe ikiri yose. » ni ukuri. Mu yandi magambo, igihe utazi icyo uvuga, jya kuvuga nibura uko rwatse. Biraruta.

Namwe Bacuruzi bo mu Butumwa Bwuzuye, mukore mutyo. Ntimugomba gutegereza igihe muzabera abavugabutumwa ; hamya gusa ibyo Yagukoreye. Ni yo mpamvu muteraniye hano, ni uguhamiriza ibyo yabakoreye. Ibyo bizamurikira abandi, kugira ngo nabo bamurike abahereye aho. Nuko bajyaga bacana amatara mu rusengero, bacanaga rimwe bahereye ku rindi, ntabwo ari urumuri ruturutse ahandi, ni urumuri rumwe. Mureke tuvugishe nyiri Jambo Ukomeye, mu gihe twubitse imitwe.

24 Data wo mu ijuru, tuzi neza ko hano atari inzu y'urusengero, ntidushidikanya ko aba-Kiwanis n'indi miryango, ab'Intare n'abandi, bateranira hano. Ariko muri iki gitondo, ni urusengero kuko intumwa z'Ubwami zihateraniye. Turumva, duhereye kuri ubu buhamya, n'izi ndirimbo, turumva Umwami Ukomeye ari hagati yacu. Tuzi ko ari hano.

Rero, nk'abana, tugutuye indirimbo z'iminwa yacu, bishoboka ko atari mu buryo butunganye, ariko ni nk'abana ; Urabumva. Uko twagerageza gukoresha uburyo bwacu n'ubwenge bwacu, ibyo bishobora kuba bitavuye ku mutima ; byaba ari ikintu twikoreye turimo duhisha. Ariko iyo tuguhimbaje n'umutima wacu wose, sinshidikanya ko ubyakira.

25 Turagusaba ngo utuzirikishe umugozi w'Umwuka Wera, duhuze imitima ngo utuvugishe mw'Ijambo ry'Imana.

Ha umugisha aha hantu, Mwami ; bahe imbaraga. « Jye, Uwiteka, narateye ; nzarivomerera amanywa n'ijoro kugira ngo hatagira urinkura mu biganza. » Ndasenze Mwami, nk'Umukozi wawe, bahe umugisha. Bakomeze, Mwami, kubw'urukundo rwo mu Bwami.

Ha umugisha buri torero rihagarariwe hano iki gitondo na buri wese. Kandi niba hari abari hano badakijijwe, ndasaba, Mana, reka abe ari cyo gihe babona ko badakwiye guhagarara imbere y'urupfu, bahe impano y'Ubugingo Buhoraho mu Mwana Wawe Yesu Christ. Kuko tubisabye mu Izina Rye. Amen.

26 Niba mu materaniro, nababwirije ntizigamye, mu materaniro ; sinshaka kubabwiriza. Ntekereza ko bitaba byiza guterana tudasomye Ijambo maze tukavuga ku Ijambo, akanya gato. Bityo, nahisemo hano

mu Ijambo, inkuru nto. Hari bamwe muri mwe banyumvise nyivuga, inshuro imwe cyangwa ebyiri, ariko nta cyo bitwaye kuyisubiramo, nimunyihanganira akanya gato.

Ngiye gusoma mu gitabo cya Luka 19 guhera ku murongo wa mbere. Ndatekereza ko ari ijambo ridasanzwe ryo kuvugaho ahantu nk'aha. Ijambo ryose rirahumekewe, Riri mu mwanya waryo, ndizera ko Imana iri bufate iri Jambo ikarishyira mu mwanya waryo muri iki gitondo.

> *Yesu agera i Yeriko, arahanyura. Nuko hariho umuntu witwaga Zakariyo, yari umukoresha w'ikoro mukuru kandi yari umutunzi. Ashaka kureba Yesu ngo amenye uko asa.*

Munyemerere nsubiremo, kuko ndashaka gushimangiri ibi :

> *Ashaka kureba Yesu uko asa, ariko ntiyabishobora kuko abantu bari benshi kandi we ari mugufi. Arirukanka ajya imbere yurira umuvumu ngo amurebe kuko Yari agiye kunyuraho. Yesu ahageze, areba hejuru, aramubona aramubwira ati « Zakayo, ururuka vuba kuko uyu munsi nkwiriye kurara iwanwe. »*

Reka Umwami yongere imigisha kugusoma iri Jambo Rye.

27 Kubijyanye n'uyu muntu, uyu muntu mugufi, ikiganiro cyacu gitangiriye i Yeriko. Rero, Yeriko wari umujyi uciriritse wa Palestine, uri mu kabande. Naho Jerusalem, iri ku musozi, hejuru.

Kandi mwitegereje neza, Yesu ubwo yazaga kw'isi, Yahawe izina ribi cyane. Yari « Beelzebul », ryari izina ribi cyane bashoboragaa kumwita ; bivuze «idayimoni, umupfumu, umwuka mubi. » Abantu bitaga umurimo We « umwuka mubi. » Itorero ritari ryiteguye kumwakira, ryamwise : Beelzebul. »

Kandi ubwo yazaga anyuriye mu kuvuka guciye bugufi cyane, Yavutse ku mubyeyi w'umuturage, utarufite na hantu yabyarira umwana we. Bivugwa ko utwenda tw'umwana badukuye ku bitambaro bashumikishaga ibimasa bihinga, mu muvure, mu kiraro kinuka amase, ku cyarire. Kandi n'icyo kiraro, nticyari ikiraro nyacyo, cyari ubuvumo bwari mu mucyamu wa gasozi.

28 Kandi yakoranaga n'abantu baciriritse, abakene cyane. Yanzwe n'abantu bakomeye muri sosiyete. Kandi Yanzwe n'abe, itorero riba ryaramwakira, ariko ntibamumenye.

Kandi tubona ko yagiye mu mujyi uciriritse wo muri Palestine : Jericho. Nibagiwe imetero zingahe, uri munsi y'inyanja, munsi cyane. Yaciye bugufi cyane ku buryo umuntu mugufi muri uwo mujyi yagombye kurira igiti kugira ngo amurebere hasi.

Ariko, ni cyo isi yatekerezaga kuri We. Abantu bamwishe urwagashinyaguro, urupfu rubi, nta muntu wigeze apfa atyo ; Yapfuye nk'umugiziwanabi. Urupfu rw'agashinyaguro, bamwambuye imyenda Ye. Yego, ku musaraba, tumubona bamukenyeje akenda. « Ariko Yasusuzuguye iryo yica rubozo. » Bamwambuye ubusa buriburi, bamubambye ku musaraba. Bamwishe upfu rubi, rubabaje cyane. Kandi ni byo isi yatekereza kuri We.

29 Ariko Imana yaramuzamuye hejuru cyane kugeza aho Imuha izina risumba ayandi yose mw'ijuru no mw'isi. Yaramuzamuye cyane, Yazamuye cyane intebe Ye, kuburya Agomba kureba hasi kugira ngo arebe Ijuru. Ni cyo Imana yari yamutekerezagaho. Ndahamiriza ko ariko natwe dutekereza muri iki gitondo. Izina Rye riri hejuru y'ayandi yose, y'izina ryose rishoboye kubaho. Kandi buri muryango wose mu isi no mu ijuru witwa izina rya Yesu. Kandi muri iryo Zina ivi ryose rizapfukama, ndetse na buri rurimi ruzarihamiriza.

30 Zakayo yari umucuruzi wo mu mujyi wa Jericho. Bishoboka ko yari umuntu mwiza mu buryo bwe. Ntekereza ko nk'umuntu mwiza, yari umuyoboke w'idini rimwe mu madini y'icyo gihe. Tuvuge ko yari umufarizayo.

Rero, ntabwo yemeraga kimwe n'umugore we. Tuvuge ko umugore we yitwaga Rebecca. Kandi ntiyizeraga kimwe n'umugore we, kuko umugore we yizeraga Yesu. Yizeraga ko ari Messiya, kuko yari yaramubonye akora ikimenyetso cya Messiya. We, yari umuyahudikazi, kandi abayahudi bitondera ibimenyetso n'abahanuzi ; kuko, ni uko intumwa yabo yagomba kuba iri. Ni yo mpamvu yari kumumenya, kuko Yarikuza nk'Umwana w'Umuntu.

31 Musome ibikurikira by'uyu mubonano na Zakayo. « Kuko Umwana w'Umuntu yaje gushaka abari barazimiye. » Ni Umwana w'Abraham (soma Aburahamu)

Abantu bamuregaga kuba arikumwe n'abanyabyaha. Tubona ko bari bakwiye kubyumva, ariko ntabwo babyumvise. Bari bafite inyigisho zibigisha kuba inyangamugayo no kuba intwari, ariko ntibumvaga ko Messiya wabo yagombaga kuba ari aho.

Mwari muzi ko ibyo bishobora kongera kuba ubu? Ibyo byakongera kuba kuburyo bworoshye nk'uko tutabyumva mu buryo cyangwa mu bundi. Rero, hari uburyo bumwe budashidikanywaho, ni ukureba icyo Yari cyo. Kandi Ibyanditswe : « Ntajya ahinduka. » mwitegereze uko Azagaragara mu gihe cy'imperuka.

Biranditse. Murabona, Ntajya akora ikintu Atabanje kugihishura. Yarabivuze mu Byanditswe. « Nta cyo Akora, Atabanje kugihishurira abagaragu Be, abahanuzi.» Kandi Yarabihishuye. Kandi, Iki, ni umuhanuzi Wayo ; Iki, ni Igitabo cy'abahanuzi, ni ihishurwa rya Yesu Kristo, kuva ku itangiriro kugeza ku mpera yacyo. Ntakigomba kongerwamo cyangwa ngo gikurwemo. Kandi tugomba kukiga kugira ngo tumenye igihe tugezemo, kugira ngo tutazagushwa muri uwo mutego.

32 Tubona ko muri icyo gihe, uwo mugabo Zakayo, uwo mucuruzi w'i Jericho, bishoboka ko yari umunyamuryango wa Kiwanis, niba uwo muryango warabagaho, cyangwa ikintu kiwushushanya. Ashobora kuba yari umunyamuryango w'umwe mu miryango yari ikomeye i Jericho. Ntagushidikanya ko yari umugabo ukomeye mu gihe cye, kandi yari umunyedini runaka.

Ariko icyo tubona kibi, nuko yari kuruhande rw'ibigezweho, uko abantu babonaga Yesu. Yesu ni Ijambo, kandi Ijambo rigaragaye, ni Yesu. Murabona ? Bityo yari kuruhande rwabantu bavuga ko Yesu atari umuhanuzi, ko yari… Sinshaka kuvuga iryo jambo nkuko bavuga ubu umubeshyi, ikintu kigihimbano.

33 Ariko, Satani ishobora kwigana ibyo neza kuburyo bitakoroha gutandukanya ikinyoma n'ukuri. Yesu yavuze ko ariko bizagenda mu minsi ya nyuma, ko hazabaho kwigana kwinshi, nka Jannes na Jambres barwanyaga Moise.

Mwibuke ko aba bagabo bashoboraga gukora ibyo Moise n'Aaron bakoraga. Ariko ikintu kimwe Moise yari azi, nuko… Mu by'ukuri Jannes na Jambres ntibari baje kubohora imbohe. Moise yaje mu Izina ry'Uwiteka, kubohora imbohe, murabona, kuko ibyo byari mu Byanditswe. Yabwiye Abraham : Urubyaro rwawe ruzaba imbohe imyaka 400, ariko nzababohora. » Bityo Moise yari afite « UKO NI KO UMWAMI AVUZE. » Abandi bashoboraga kwigana impano yose Moise akoze. Kubera ko bari babizi, ntibitaye ku kwigana kwabo ; bahagaze kw'Ijambo gusa. Kandi Imana ikarihamiriza.

34 Kandi, murabizi, Yavuze ko ariko bizagenda mu minsi ya nyuma : « Nkuko Jannes na Jambres (soma Yane na Yambure) barwanije Mose, ni ko n'abo bagabo barwanya ukuri. Abo bagabo bononekaye ubwenge budashimwa ku byo kwizera. Bityo, ibyo bishyira abantu mu rujijo.

Rimwe na rimwe, urabacyaha, ariko suko uba utabakunda. Nukubera ko ubakunda mu by'ukuri.

Tuvuge ko usanze umwana wawe muto yicaye mu muhanda hagari, wamubwira uti : « Mwana wanjye mukundwa Junior, ndumva utarukwiye kwicara aho », maze na we akagusubiza ati : « Ibyo ntibikureba. » Wamucishaho akanyamfu ku kibuno. Ni cyo kimukwiye.

Rero, icyo ni cyo mukwiye kujya muha itorero ; ntabwo ari ukubera ko mudakunda Junior, ahubwo nuko mumukunda mu by'ukuri. Murabona ? Urukundo rurakosora.

35 Yesu ntiyabangaga. Yarabakundaga, kandi Yagombaga kubakosora.

Turabona uwo mugabo mugufi na Rebecca, umugore we. Kandi we, yemeraga ko Yesu ari umuhanuzi ndetse Umuhanuzi mukuru. Hari hashize imyaka ni myaniko nta muhanuzi uhari. Bari bazi ko utahiwe, umuhanuzi w'ukuri uzaza, azaba ari We. Murabona, bari bazi ko ibyo bigomba gusohora kuko byari byarahanuwe. Ntamuhanuzi waruherutse, ariko noneho arahari. Yari yarabonye icyo kimenyetso cya Messiya, yari azi ko ari rya Jambo. Murabona, yari yabyitegereje.

36 Ikinamico cyacu gitangirira aha. Bishoboka ko ryari ijoro ribi kuri Zakayo. Ryari ijoro rishyushye, ntiyabashije gusinzira. Yaraye ahindukira mu buriri ijoro ryose. Benshi muri twe, muzi icyo ijoro nk'iryo rivuze.

Murabona, Rebecca, we, yari abizi. Yabonanaga n'abigishwa n'abandi. Yari azi ko Yesu azaza mu mujyi, ejo mu gitondo. Yifuzaga ko umugabo we yabonana na Yesu amaso ku yandi. Kuko iyo mubonanye na We amaso ku yandi, hari ikiba muri wowe. Ntameze nk'abandi bantu. Aratandukanye. Yashakaga kumenya neza niba umugabo we ari bubone Yesu, yari yabonye ibikorwa Bye, kandi yari yamenye ko Ari we Messiya. Nubwo abatambyi n'abandi bavuze bati : « Ni amafuti. Ni ibyiganano. Ni amashyengo. » Ariko, we, yarabyizeraga kandi agasenga.

Rebecca, niba ushaka kujyana umucuruzi wawe imbere ya Yesu, senga gusa ; ntari butuze.

37 Rero, igihe cyari cyegereje, Yesu yagombaga kunyura aho mu gitondo. Ariyo mpamvu Zakayo yaraye yihindukiza mu buriri, yari ababaje. Naho we, yararyamye aho asenga. Abyutse, yaravuze ati : « Urakoze Mwami, nzi ko hari icyo urimo umukoraho, »

Igihe uzabona Zakariyo wawe, nta mahoro afite, uzavuge gusa uti : « Urakoze, Mwami, Urimo uramukoraho ubu. » Iyo ubonye atangiye kuba mubi, adashaka ko ujya ku rusengero, avuga ati : « Ujye ujyendera kure bariya bantu. Wijyayo. Nta gaciro bifite. » Ihangane gusa. Imana iri gukora. Murabona ? Umuntu yabuze amahoro.

38 Nuko, mugitondo kare, umuntu wacu arabyuka, ajya kwitunganya, ashyiramo umwenda we mwiza,

murabona, ikanzu ye nziza yarafite (abagaobo b'abayuda bakera bambaraga amakanzu), atunganya ubwanwa bwe kandi asokoza imisatsi ye. Rebecca amutera akajisho, arungurukiye mu kiringiti, aramubona. Ahita yumva ko hari kirimo kuba. Zakariyo arasodoka, arebera mu idirishya, niba Rebecca yakangutse. Ati : « Oya, ntarakanguka. » Arunguruka hanze, abona hakiri mu museke, akomeza kwitunganya.

Murabona, iyo usengera umuntu, hari ikintu kiba muri we. Aho ni ho tuneshwa, nshuti zanjye, ntabwo dusenga. Isengesho ni ikintu cya ngombwa. « Musabe muzahabwa. Ntimufite, kuko mudasaba ; ntimusaba kuko mutizera. Musabe byinshi kugira ngo munyurwe. Musabe kandi mwizere ko mwabonye ibyo mwasabye. » Hanyuma ubikomereho. Ntubirekure. Niba ari isezerano riri muri Bibiliya, kandi ukaba wabihishuriwe ko Imana yabiguhaye, bihagarareho.

39 Ni byo yakoze, yari yahishuriwe ko Zakariyo we, ari bukizwe ; ni yo mpamvu yabihagazeho.

Kubera ko yagombaga guca mu muryango, aramubaza ati : « Zakariyo, kuki wazindutse, muri iki gitondo ?

Aramusubiza ati : « Yoo, mukundwa, nibwiye ko nkwiye, euh, euh… » Ushobora kwisobanura mu buryo bwose… Zakariyo ati : « Ngiye gufata akayaga, akayaga gakonye… » Ese umuntu yarimbira kujya gufata akayaga ? Ariko yumvise ikintu.

Nguwo arasohotse, aragenda akebaguzwa, areba niba ntawumubona. Rebecca arebera muri treillis (akayunguruzo ko mw'idirishya), areba ibiri kuba, abyumva vuba maze arapfukama ati : « Urakoze Mwami. Ntekereza ko bigiye mu buryo noneho. Twatumye anyeganyega. »

Niba ufite Zakariyo wawe mu materaniro muri iki gitondo, ariho aranyeganyega. Uko biri kose twatumye anyeganyega kugera aho.

40 Yasohotse akebaguzwa, areba niba ntawamubonye, murabizi. Yaribwiye ati : « Noneho, muzi icyo ngiye gukora ? » Reka tumutekerereze : « Umugore wanjye yataye umutwe kubera ibyiriya ngirwa muhanuzi w'i Galilaya, kandi umutambyi wanjye na pasitori wanjye bavuga ko biriya bintu bitabaho muri iyi minsi. Biriya bitangaza n'ibindi, ni ubukonikoni. Nta kamaro bifite. Muzi icyo ngiye gukora ? Ngiye kumubwiza ukuri kose. Ibyo birangira umuntu w'icyamamare muri uyu mujyi. Murabona ? Nimutamaza. Ni byo ngiye gukora. » Nuko aragenda.

Aribwira ati : « Noneho, Arinjirira mu muryango w'epfo, cyangwa mu muryango wa ruguru, amanutse i Yeruzalemu, Yamanutse aturutse kwa Dan agana Beer Scheba. » Araturuka i Yerusalemu, ngiye guhagarara ku muryango wa ruguru. Ndamuhagarika Agiye kwinjira. Ndahagarara aho, murebe mu maso, maze mubwize inani na rimwe. »

Yoo, mbega ukuntu hari ba Zakayo benshi uyu munsi, bavuga Yesu mu materaniro, bavuga bati : « Ni itsinda ry'abafana. Nta gaciro bifite. Ndamutse mfashe uwo mugabo, yamenya uwo ndi we !» Murabona ?

41 Agana umuryango. Ariko igitangaje, murabizi… Yashakaga kubona umwanya wo ku muryango, ngo amubwire ko ari umucuruzi ; ko ari umunyamuryango wa Kiwanis ; ko ari umunyamuryango w'itsinda ry'abanyeshuri b'abakobwa bo mu mujyi. Ko yari umwe mu bayobozi waho, ko yari umuntu udasanzwe kandi wubashywe. Ni umwene gihugu wubashywe. Kandi yashakaga kumwumvisha ko bitari gombwa ko aza muri uyu mujyi ; ko bafite ababwirizabutumwa benshi n'insengero nyinshi ; ko badakeneye izo nyigisho Ze. Nuko amanuka umuhanda yemye, yareze agatuza, murabibona namwe. Yoo, mbega ! Bishoboka ko nakora ibyo, rabin (umukuru wa sinagoge) ari bumugire umudiyakoni. Ni bwo yajyaga ku muryango.

42 Ariko, biratangaje. Kubera impamvu runaka, byari bitangaje, ariko ahantu hose yanyuraga, haba hari umuntu wo kumwumva. Murabona ? Ariko mbere yo kugera aho, yumvise urusaku. Abantu baririmbaga indirimbo zitandukanye, bavuga bati : « Icyubaro ni icy'Imana ! », baririmbaga izo ndirimbo nziza, abandi barasakuzaga kandi banataka. Ese ntibitangaje ko aho Yesu ari, haba hari urusaku igihe cyose ? Amen. Murabona ?

Murabizi, umunsi umwe Yinjiye mu rusengero, hari i Yeruzalemu. Nuko, abantu baca imikindo kandi basakuza. Kandi aho hari hahagaze abarimu bakomeye bo mu bantu bo rwego rwo hejuru n'abandi, abatambyi baramubwiye bati : « Babwire bacececeke. »

Arabasubiza ati : « Baramutse bacecetse, amabuye yavuza induru ako kanya. » Murabona ? Hari ikintu kiri busakuze nagera aho. Ni ukuri.

43 Aaroni yinjiraga muri Shekinah, iyo yabaga ageze imbere ya Shekinah, yagombaga kuba asizwe, kandi yagombaga kuba… imyenda ye yagombaga kuba ifite inzongera n'amayugi. Ni bwo buryo bwonyine bamenyaga ko Aaroni akiri muzima, iyo bumvaga urwo rusaku. Rero, ni bwo buryo bwonyine Imana imenya ko turi bazima cyangwa ko tutari bazima, iyo mwumva urusaku rukeya. Iyo mubonye ikintu

cyapfuye neza neza, nuko hari ikintu cyabaye. Yamenyaga niba akiri muzima kubera urusaku.

44 Nuko Zakayo yumvise urwo rusaku hariya. Ahageze, abantu bari birunze ku nzugi, ku nkuta n'ahandi hose. Kandi yari umuntu mugufi, hanyuma aribwira ati : « Ndamubona nte ? Haraba hari abafana bamukikije, kuburyo ntaribumubone. Nzi neza ko ntari bumobone, kubera ko ndi mugufi. » Ariko nzi ko aribufungurire kwa wa muntu duhanganye. Iyo aza kuba ari umuntu uzi ubwenge, yarikuza aho ncururiza, muri restaurant (resitora) ya njye. Ariko ari bujye kwa Lavinski. » Cyangwa kwa… Nizere ko nta muntu witwa Lavinski, uri hano. « Uko biri kose, ari bujye muri restaurant ye. Kandi jyewe, ntanga ibiryo byiza kurusha, kandi Rebecca ni umunyamuryango wo mu itorero Rye, hanyuma Ajye hariya hantu ? »

45 « Rero, ngiye kumanuka hariya mu mahuriro y'umuhanda Alleluia n'umuhanda Gloire. Ari buhanyure. » Ni ukuri. Neza hariya, mu mahuriro y'imihanda Alleluia na Gloire. Niho wamusanga.

Ava muri abo bantu benshi, ariruka, nk'uko yari yarimbye, aratekereza ati : « Nagera hariya, ndamuvugisha ; mubwize ukuri kose. Naramuka anyuze aha. » Nuko atangira gutekereza : Urabizi, bariya bantu bari bumukurikire. »

Abantu bahora bamukurikira. « Aho umubiri uri, ni ho ibizu biteranira. » Atari inkoko, inyoni zikunda kuba ku isi. Ibizu biba mu kirere biteranira ahari umubiri. Inkoko na mubyara wayo, byibera hano hasi, aho imbeba n'ibindi bishobora kubirya. Ariko ikizu, cyubaka inzu yacyo hariya hejuru, mu giti ; ntacyayigeraho. Udukoko dutoduto ntitwayigeraho ; iguruka hejuru cyane. N'izindi nyamanswa zirya inyama ntizayigeraho ; ni ikizu. Bashaka ibiryo by'ikizu. Ngibi.

46 Murabizi, Yehova ubwe ni Ikizu, kandi Akatwita Abana b'Ikizu. Abahanuzi bayo ni Ibizu, aberekwa.

Ikizu kirazamuka cyane, ku buryo nta yindi nyoni yagikurikira. Isakabaka iyo iyikurikiye ipfuka amababa. Ni ukuri. Ni cyo kibazo uno munsi, abantu bashaka kwigana. Ibintu bishyirwa ahagaragara bidatinze. Igerageze kuzamuka hejuru cyane, amababa yayo yose azayishiraho. Bazajya ahagaragara vuba aha. Ni ukuri. Bazafatirwa ku butaka. Mubizirikane, igomba kuba ari igisiga kiremye ukwacyo. Kandi umuntu ushobora kwakira iri Jambo agomba kuba ari umuntu udasanzwe, umurimo w'Imana, atari umunyeseminari. Uko kirushaho kuzamuka, niba amababa yayo adashobora kuguma hamwe, ibyo byayimarira iki ?

Ikindi, byayimarira iki, niba igeze hariya hejuru, igahuma, ntibashe kubona ibiri hasi ? Murabona, igomba kugira amaso kugira ngo ibone, kugira ngo yumve ibyo irimo ikora hariya hejuru. Ni ko bimeze no ku bizu by'Imana. Uko murushaho kuzamuka, ni ko murushaho kubona kure, mukagaruka, mugahanura ibigiye kuba. Murabona ? Amen. Ndatekereza ko uriya mwene Data w'umwirabura uri hariya inyuma yumva neza ibyo, muri iki gitondo, murabona ? Noneho murebe.

47 Hanyuma, aribwira ati : « Ninguma muri aba bantu basakuza, ntabwo Ari bwumve ijwi ryanjye. Barasakuza ku buryo ibyo namubwira nta cyo byaba bivuze. » Hanyuma aravuga ati : « Ngiye ku kubwira icyo ngiye gukora. Hari igiti cy'umuvumu kiri hariya. Ngiye kucyurira, ubwo Ari buhanyure, ndamubona. Ndaza kujya kw'ishami riri hafi maze mubwire icyo ngomba kumubwira. Aramenya ko ndi Zakariyo, uwo mw'idini rikomeye ry'ino aha. Ndamubwira itsinda mbamo ni cyo pasitori wanjye amutekerezaho. »

48 Areba hirya no hino aribwira ati : « Rero, igikurikiraho, ishami rya mbere riri kuri metero 3, kandi we afite uburebure metero 1,21, nonese yakora iki ngo abone metero 1,52 akeneye ? Murabona ? Yibaza uko yakurira. Asanga nta bundi buryo bwo kubigeraho, agomba kurira kiriya giti. Areba hirya no hino… Abakuraho imyanda bari bataraza kandi poubelles (soma pubele) zari zigihari. Aribwira ati : « Nshoboye kuzana iriya poubelle hano, nayihagararaho ngashyikira ririya shami rya mbere. Niyemeje kumubona. Ndaza kumubona. »

Murabizi, hari ikintu hariya, iyo umuntu ashaka kubona Yesu, anyura mu bintu by'inzitane. Murabona ? Ariko murebe, Imana yarimo ikorana na we. Byari iki ? Isengesho rya Rebecca ririho rirasubizwa. Murabona ?

49 Nuko aragenda, ariko ukuraho pubele yari atarayitwara, bityo pubele yari iremereye, ntiyashoboye kuyiterura. Yari mugufi. Hari uburyo bumwe gusa kugira ngo abigereho, kwari kuyifata n'amaboko ye, akayiterura. Ariko kandi yari yambaye ikanzu ye nziza.

Ariko, kuri ibyo, hari ikintu, nuko iyo ushaka kubona Yesu, nta cyo utakora. Murabona ? Wakora icyo ari cyo cyose, iyo ushaka kumubona. Yegera aho… Murabona, Satani agerageza kukubuza nawe kubieraho. Iteka akwereka ikitagenda kugira ngo akubuze kumubona. Agerageza kuguhuma, uko ashoboye kose. Ariko iyo wabyiyemeje, Imana igucira inzira. Aranyura hano muri iki gitondo. Ntureke Satani ashyira amananiza mu nzira yawe, ku gihe cyawe, ibi na biriya, « Ngomba gukora ibi na biriya. » Iturize akanya gato.

50 Nuko arunama, arihengeka, yambaye ikanzu ye. Nta kabuza yariyanduje. Afata iyo ndobo yuzuye imyanda. Mugihe ayifashe, mu muhanda haturuka ba bantu bahanganye na we.

Ni ko bimeze hano, Zakariyo, wari wavuze ko utivanga na ba basazi bera, none ngaho.

None, nguyu, ari hano n'indobo yuzuye imyanda, mu maso yatukuye. Nuko, uwo bahanganye aravuga ati : « Mundebere, dore Zakariyo, nyiri restora iri hariya, yahinduye imirimo. Yabonye akazi gashya. Asigaye akorera umujyi, mu murimo wo gutwara pubele. » Hari ikintu kidasanzwe aho, iyo ushaka kubona Yesu, wakora icyo ari cyo cyose. Yabyiyemeje, amaso yatukuye, mu maso habyimbye. Aragenda, ajya ku rundi ruhande, ashyira iyo ndobo aho. Areba hirya no hino, areka abandi bararenga.

51 Nuko ahagarara hejuru ya pubele, yurira cya giti. Mumbabarire, simba navuze ntyo, ariko ndacyeka ko bidatera ikibazo.

Agera hejuru, aricara. Muvuga umwanda, yari yuzuye ibyatsi, yari afite umwanda.

Rimwe na rimwe, Imana irakureka ukagera aho. Amen. None numvise umuntu avuga, muzi uburyo bwabo bushya ? Nizere ko ibyo bitazatwinjirira twebwe abapantekoti, n'ubwo mbona biriho byinjira, umuntu arinjira, agakora mu kiganza cya pasitori avuga ati : «Nakiriye Yesu nk'umukiza wanjye. » Jye nahitamo kumubona apfukamye ku gicaniro, agapfa, agataka agata inkonda. Murabizi, iwacu tworora amafarashi, iyo twazihaga ibyatsi birimo ubuki, byaraziryoheraga, zigata inkonda. Iyo mwegereye cyane Kanani, muta inkonda ho gake, murabizi, uko mujyenda mufata ku buki bwo muri Kanani.

52 Rero, nguwo hariya hejuru muri icyo giti, akuraho imyanda ku myenda ye. Ntiyatekerezaga gukora ibyo. Iyo hari umuntu ugusengera, utangira gukora ibintu bidasanzwe. Atangira kwihandura uduhwa twamujombye ku mavi no mu biganza, yicaye hariya mu giti yikuramo utwo duhwa. Aravuga : « Noneho, ndi mu bibazo ! Mundebere aho nicaye. » Aravuga ati : « Rebecca yambwiye ko uyu mugabo Ari umuhanuzi. Rero, ngiye kwihisha hano, mu gihe ntegereje. » Yicara hagati y'amashami abiri ; ni ahantu heza ho kwicara.

Rero, nyuma yo kugera hano, ukaba uri hano muri iki gitondo, Zakariyo, uri hagati y'amayira abiri, iyawe ni y'Imana. Murabona ? Kuba washatse kuza hano muri iki gitondo, rero, amasengesho ya Rebecca ari hafi gusubizwa. Ariko uri hagati y'amayira abiri, iyawe n'iy'Imana. Murabona ?

53 Yari yicaye aho, maze aribwira ati : « Yambwiye ko Ari umuhanuzi. Ko Yashoboraga kumenya ibitekerezo biri mu mitima y'abantu, Akabibahishurira, Akanababwira ibibazo byabo. Nk'ibyabaye kuri Nathanael, bahuye akamubwira ko Yamubonye munsi y'igiti. Rero, singiye kumwitererereza, ngiye kwihisha hano mu giti. Usibye ko ntememera ko Ari umuhanuzi. Simwemera, kuko padiri wanjye avuga ko abahanuzi batakibaho. Hashize imyaka 400 nta muhanuzi dufite… »

54 Murabyumva ko ndigukora ikinamico kugira ngo ngire icyo mbereka.

Yihisha hagati y'amashami. Aravuga ati : «Rero, naturuka mu muhanda Alleluia, ari buzamuke muri uyu muhanda Gloire. Bityo, natunguka hariya, ndamurebera hagati y'ibibabi by'amashami ankikije. Ndamubona ariko We ntaribumbone, hano hejuru. Rero, nagera aha, mureba neza, uzi icyo ndi bukore ? Ndigizayo aya mashami, maze mubwize ukuri kose, ndamubwira ijambo rimwe gusa. » Nuko aguma aho arategereza.

55 Hashize umwanya, yumva urusaku ruza rumwegera. Ubusanzwe, iyo Yesu aje, urwo rusaku ruramuherekeza. Nguwo Arahingutse. Ikintu yabanje kubona ni iki ? Abantu benshi buzuye mu muhanda. Aribwira ati : « Nishimiye kuba hano hejuru mu giti ; bityo sinshaka kwivanga n'abariya bantu. » Nguriya hariya hejuru, mu giti, yihishe ku byuryo ntawamubona ; abahanganye na we, ntibari bumenye ko ari mu giti hejuru. Hari ikibabi yegura akareba, yarangiza akakirekura kigasubiraho, ahasigaye hose hari hatwikiriye. Yeguye cya kibabi abona abantu buzuye mu muhanda.

Agiye kubona, abona bwana Dupont afite umwana urwaye. Yari yarumvise abatambyi n'abaganga, bari muri restora ye, baganira kuri uwo mwana, bavuga ko uwo mwana arembye cyane, ko agira umuriro mwinshi, ko abaganga bananiwe kumuvura, ko uwo mwana agomba kuguma mu nzu. Ariko ndebera umukiriya we yabaye umuyoboke w'uriya mugabo, kugeza aho asohokana uriya mwana urwaye muri iyi mbeho yo mu kwezi kwa gatatu. Yamufubitse mu kiringiti, umwana w'umukobwa w'imyaka 10. « Ubu si ubuyoboke ni ugukabya ! Ubutaha niyinjira muri restora yanjye, ntakabuza uriya mwana azaba yarapfuye ; nzamubwira icyo ntekereza. »

56 Mu kanya gato, urusaku rwari rwiyongereye, abantu bose birukira mu muhanda. Uwambere wahingutse mu muhanda Alleluia, yinjira mu muhanda Gloire, yari umurobyi mu remure, ukomeye, ufite uruhara, witwaga Simoni avuga ati : « Mwigireyo, nshuti zanjye. » Dore kandi abandi bantu 11 bamukurikiye, bavugaga bati : «Ndabasabye, mwigireyo, Umwigisha wacu yagize amateraniro akomeye, ejo nimugoroba, yagize amayerekwa menshi, byamunanije, none agiye gufungura, mwigireyo mu bwitonzi bwose. »

Dore wa muryango wa Dupont uzanye wa mwana. Maze wa murobyi n'abandi benshi baravuga bati : « Mwigireyo, dufite hano umwana ugiye gupfa. Abaganga bananiwe. Mwatwemerera, nibura

tukamuryamisha…

« Mumbabarire. Abantu bose bashaka kubikora. Sinabibemerera. Mugomba kwigira yo. Araje noneho. Ndabasaba kwigirayo. »

57 Bityo, nshobora kumubona, nk'Umurinzi hejuru y'umunara, aho ari mu giti, ariho yitegereza, anabona madamu na bwana Dupont bapfukama muri abo bantu, bavuga bati : « Mwami, ntumpiteho. O ! Mukiza mwiza, umva akababaro kanjye. Mu gihe uhamagara abandi, ntunceho. »

Yesu ahageze, aramubwira ati : « Bwana Dupont, wazana uwo mwana wawe hano ? » Byatangaga icyizere.

Uko Yari Ari ejo, ni ko Ari none. Ibyo ntibisaba ikarita y'amasengesho. Ibyo ntibisaba itsinda ry'abantu. Ibyo bisaba ukwizera nkuko impumyi Bartimee yari afite, ubwo Yesu yasohokeraga ku wundi muryango w'umudugudu, muri metero 182 yaho yari ari. Murebe ukuntu yari kure ye, yumvishije jwi rye ate ? Yavuze ati : O Yesu, Mwana wa Dawidi », ibyo biramuhagarika, yakoze ku mwenda We. Yarahindukiye aravuga ati : «Nimumuzane hano. » Murabona ?

Nuko bamuzanira uwo mwana aho. Amushyiraho ibiganza, ni icyo Yakoze gusa. Mu mwanya muto, umwana yamanutse umuhanda yiruka. Umuriro wari washize.

Ibyo bituma yibaza, ati : « Ndibaza niba ari umuhanuzi koko » Ibyo bituma abyemera.

Murabizi, hari ibintu bitwemeza, kuko Ari Ijambo, bitari ngo Yari Ijambo, ahubwo bivuze ngo « Ndiho. »

58 Rero, Yesu ageze munsi ya cyagiti, akomeza kwegura cya kibabi yareberagamo, areba hasi. Ubwo Yesu yagera munsi ya cya giti, aribwira ati : « Ese ashobora kuba Ari Umuhanuzi ? Birashoka. » Murabona, mugomba kugira ukwizera. « Birashoboka ko Yaba Ari we ? » Ubwo Yesu yanyuraga munsi y'igiti, yigendera buhoro, areba hasi…

Hari ikiba iyo mumubonye ; murahindurwa. Ntushobora kuguma uri wawundi. Numvise bamuvuga. Mwumvise bamuvuga ; ariko ubwo namubonaga, sinashoboraga kuguma ndi wa wundi. Hari ikintu muri We kimugira utandukanye n'undi muntu wese. Hari muri We igitandukanye n'abasenyeri, n'abakaridino, n'abapapa n'abandi. Hari ikintu muri We gitandukanye.

59 Zakariyo akorwaho. Amasengesho ya Rebecca yari yashubijwe. Ubwo Yesu yanyuraga munsi y'igiti, Zakariyo aravuga ati : « Ndibusabe imbabazi umugore wanjye Rebecca ningera imuhira. Yerekeje kwa Lavinski ; nta cyo bitwaye. Niba agiye kurira mu yindi restora, ntakibazo kuri njye, nta cyo bintwaye. » Murabona, yari yamaze kumubona.

Ubwo Yesu yagera munsi ya cya giti, Yarahagaze, Areba hejuru maze Aravuga ati : « Zakariyo, manuka. Ngwino tujye iwawe, none, turasangira. » Yari Azi ko ari hejuru hariya kandi, Yari Azi uwo ari we.

60 Bene Data, bashiki bacu, Uko Yari Ari ejo, ni ko Ari none kandi ni ko Azahora. Agomba kunyura hano none, muri iki gitondo. Yanyuze hano mu mujyi, Arikumwe na twe muri iki cyumweru.

Murabizi ? Ese Perezida aje, Perezida Johnson aje i Topeka, ibendera ryazamurwa, imihanda bayitaka, bamwakira neza cyane. Ariko Yesu ashobora kuza, ntibyoroshye kubona umuntu nibura umwe, ushaka kumubona. Byasaba abapolisi benshi kugira ngo wakire perezida muri uyu mujyi, nyamara, dufite imyanya myinshi yo kwicara. Murabona ikinyuranyo ? Ariko, abantu ntibitaye kumubona.

Nizere ko Zakayo ari hano iki gitondo. Kandi igihe Yesu arimo anyura hano… Ni We urimo ubabwira.

Yamanutse muri cya giti. Nta gushidikanya, abanegurana bashatse kuvuga bati : « Uyu muntu ni umunyabyaha. »

Yaravuze ati : « Mwami, niba hari uwo nahemukiye, ndamukubira inshuro ijana. Nzamusubiza ibye. Niba kandi narabeshye umuntu, nzabitunganya. «Nditeguye. » Twubike imitwe.

61 Zakayo, uriteguye, muri iki gitondo ? Kuki utamanuka mu giti none aha ? Kuki utaza ? Ari kunyura hano none aha, Arikunyura mu mutima wawe, Arikukuvugisha. Mugihe mwubitse imitwe mw'isengesho, hari uwaba ari hano wavuga ati : « Mwene Data Branham, nabaye umutizera iki gihe cyose. » Mwibuke, ubwe yari umunyedini. « Nabaye umutizera, ariko noneho, ndizeye. Ntabara muri uku kutizera, O Mana. » Ibyo ntubibwire mwene So Branham ; mu by'ukuri, nta muntu uri kureba, kereka njyewe n'Imana. «Ngiye kizamura ikiganza maze mvuge : « Ntunceho, Mukiza mwiza. Umva gutaka kwanjye. Ngira umwizera nyakuri, Mwami. Ngwino, tujyane iwanjye, maze Uture mu nzu yanjye. » « Ngomba kurara mu nzu yawe, uyu umunsi. »

Wazamura ikiganza maze ukavuga uti : «Unyibuke, yoo Mana. Imana iguhe umugisha, Imana iguhe

umugisha, na we. « Unyibuke, o Mana. Tahana na njye iwanjye muri iki gitondo. Nzi ko Uri hano. Nzi ko uzi umutima wanjye. Uri kumvugisha ubu. Uzi ikibi nakoze. Kandi Uzi ko ndi umuyoboke w'itorero ry'Ivugabutumwa Bwuzuye, ariko, nararangaye ; sinakoze ibiribyo. Narangaranye amateraniro ya nimugoroba. Nakoze ibintu bidashyigikiwe n'ukwizera kwacu.

62 Ndi umugore, nzi ko nambaye nabi. Naciye imisatsi yanjye. Nisize amarangi (maquillage). Kandi ngomba kuba umugore wo mw'Ivugabutumwa Bwuzuye, mushiki wacu. Mbabarira, Mwami. Ndashaka ko utahana na njye iwanjye none, kandi nzaba urugero ruzima rwa Kristo. » Mwaba mwumva ko ari hano ngo uzamure ikiganza maze uvuge uti: « Munsengere. » Imana iguhe umugisha, Imana iguhe umugisha, Imana iguhe umugisha, na we. Imana ibahe umugisha, bashiki bacu. Yego.

63 Data wo mu ijuru, ba Zakayo bato na ba Zakayo bakuze, bakuyeho ikibabi maze barakureba. Bamenye ko Yesu yabonye aho batuye naho bageze, maze abahishurira ko bari mu byaha. Ibiganza byinshi birazamuye. Reka utahane n'abo iwabo, Data. Jya iwabo, uture mu mitima yabo. Reka ntibazigere bibagirwa iki gitondo. Nagerageje kubibagezaho mu mvugo isekeje, muri aba bantu bavanze, abagabo n'abagore. Ariko noneho, ko ibintu bisobanutse, byo kuzana abantu ngo babone ikintu kiri hano, iki gitondo, Ijambo rigaragaye mu mujyi wacu, hagati yacu, Umwami Yesu ubwe, Ijambo rigizwe umubiri, Akorera ubwe mu mubiri w'umuntu. O Mana, reka abakundwa bacu babone ibi maze babone kuza hafi ya We.

Jyana na bo imuhira, nongeye kubigusaba, Data, jyana na buri Zakayo na buri mugore, buri Rebecca. Reka ahamirizwe ko amasengesho ye yashubijwe. Turabakweguriye ubu. Kandi buri wese akwakire mu mutima nk'uko wa muyuda yabikoze, cya gitondo, n'ubwo yari mu makosa. Yesu yaravuze ati : «Ntiyagombye na we kuba… kubera ko ari umwana w'Aburahamu ? » Witeguye gutahana na twe iwacu, Data ? Turagusaba ngo ntuzigere udusiga. Jyana na twe nyuma y'iri funguro rya mu gitondo, nk'uko twari twicaye hano muri iki gitondo, twicaye ku meza, turebana amaso ku yandi, tunezerewe, no gusetsa, turamukanya, mu rukundo, nk'uko abakristo bonyine bashobora kubikora.

64 Ntekereza ko nshobora kutazagaruka hano. Birashoboka ko ntazongera guhura n'iri tsinda, dutya, mu ifunguro rya mu gitondo. Ariko, mfite gihamya ko, nibakureka mukajyana na bo iwabo none, kandi Ukagumana na bo, nzahurira na bo ku Ifunguro rya Nimugoroba, ubwo urugamba ruzaba rwatsinzwe, kandi imeza nini izaba yateguwe kugera aho ijuru riterwa inkingi, maze tuzicarana ku meza, tukarebana mu maso.

Kandi ndabona, muri iki gitondo, abakozi bawe bicaye hano, bashaje, babwirizaga nkiri umwana. Ntekereza ko bakuyeho ibishyitsi, baharuye inzira, barazireshyeshya kubwa ziriya mpano bahanuye ko zizaza. O Mana, bahe umugisha, bahe umugisha bose. Ha umugisha aba bagore bitanze kugira ngo abagabo babo babashe kubwiriza, no kubera ubwitange abakristo bose bakora. Bana nabo, Data.

65 Tuzicarana hariya, wa mugoroba, turebana mu maso, kandi bishoboka ko guhera iki gitondo, tutazongera kubonana, kugeza kiriya gihe. Ntagushidikanya, amarira azatemba ku matama yacu, ubwo nzarambura ikiganza hejuru y'ameza maze nkabaramutsa. Rero, tuzamubona Aza. Tuzaba twishimiye kuba twamanutse mu giti (igiti cy'amahame, igiti cy'amahame ya kinyedini cyangwa ikindi nk'icyo), tuzaba twataye ukwikunda kwacu, tizaba twaretse ubucucu bwacu bwo kutamuha agaciro, tuzaba twasohotse mu buhumyi bwacu, twinjiye mu mucyo. Bizadushimisha nitumubona mu ikanzu Ye ya Cyami, Agendagenda ameza kandi n'ibiganza Bye, Aduhanagura amarira ku maso, avuga ati : « Mwirira. Byarangiye. Mwinjire mu munezero w'Umwami wabateguriwe kuva isi ishyirwaho urufatiro. » Mugihe dutegereje, bana na twe, Data, tahana na twe iwacu kandi usigarane na twe kugeza kuri iriya saha. Tubisabye mu Izina rya Yesu. Amen.

66 [Mushiki wacu avuga mu ndimi]

Ndamukunda, ndamukunda kuko yabanje kunkunda.

Ubwo nuriraga igiti, Yarankundaga.

(Murebe igiti yazamutseho : umusaraba, igiti gisuzuguritse.)

Ku giti i Kaluvari.

Mwitegereze igiti yuriye kugira ngo akumanure ku giti cyawe.

1Mu by'ukuri, ntimushobora kumukunda mudakundana hagati yanyu. Noneho, rambura ikiganza hejuru y'ameza, maze uvuge uti : « Imana iguhe umugisha, mugenzi », ku wicaye imbere ya we ku meza.

Kuko Yankunze mbere,

Ambonera agakiza

Ku giti i Kaluvari

Ntimumukunda kuba yarazamutse kiriya giti kubera wowe, kugira ngo Akumanure ku giti cyawe ? Ntimushaka ko mujyana iwanyu, iki gitondo ? Ni bangahe bashaka kumutahana ? Muzamure ikiganza. Amen. Imana ibahe umugisha.

67 Bacuruzi mwe, nashakaga kubavugisha akanya gato mbere yo gutaha. Rero, niba utari umukristo, niba utarishyira hamwe na We, mwebwe abakristo, mwebwe, niba mwaremeye Kristo igihe mwakarabaga intoki, gana umupasitori umwe mu bari hano, umubwire icyo wakoze. Barababakira. Umuntu umwe cyangwa umupasitori yanditse ibaruwa kuri ibi, kubijyanye n'uyu muhungu, mwene Data w'umwirabura. Bwari ubuntu, ejo nimugoroba, uyu musore yari yicaye hariya, abyitegereza, maze arabyizera. Murabibona ? Murabona ? Uburyo uyu muhungu… Uburyo Umwuka wahindukiye. Billy yarabimbwiye, yarabimbwiye hamwe n'umugore wanjye n'abandi, tujyeze imuhira. Yagarutse ubwo yageraga mu mfuruka, Yagarutse hano kandi Yahasanze uriya, murabona, kugira ngo amugarure imuhira. Ubutegetsi ! Mumujyane hamwe na mwe. Mugende mwifatanye n'itsinda aho mushobora gusabana, aho babwiriza Ijambo ryuzuye ry'Imana. Kandi muhagarare kuri iryo Jambo, uko byamera kose. Murabona ? Ni ukuri.

Bacuruzi mwe, muzi icyabaye kuri Zakayo ? Yabaye umwe mu Bacuruzi bo mu Ivanjiri Yuzuye bo muri Yeriko. Ni ukuri. Urwo rusengero rwaho, yabaye umuyoboke. Ntibyumvikana, ariko ni ukuri. Ndahamirizwa ko, Yesu nta kindi yari gukora atari urusengero rw'Ivanjiri Yuzuye, kandi Zakayo yishyize hamwe na bo. Bityo rero, Zakariyo kora utyo na we.

Kugeza ubwo tuzongera kubabona, ejo nimugoroba, Imana ibahe umugisha. Ngiye gusubiza itorero pasitoro.

MESSAGE hub online

www.messagehub.info

Ibibwiriza bya
William Marrion Branham
"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7